REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°08/2018: **Taliki: 11–20 Werurwe 2018**

Ryoherejwe kuwa 22 Werurwe 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 11-20_Werurwe_2018; tubonako ku bupimiro bwa Musanze na Rusizi ariho honyine habonetse imvura nke ugereranyije n'ahandi; ndetse ikaba yaranabaye nke ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyo minsi kuri ubwo bupimiro bubiri gusa
- Ubuhehere bw'ubutaka bwakomeje kwiyongera kubera ibihe by'imvura turimo; cyane mu burasirazuba aho bagize igihe kirekire cy'imvura idasiba; guhera mu gice cya mbere kugeza mu gice cya 2 cya Werurwe_2018
- **21-31_Werurwe_2018;** hateganyijwe **izakomeza kuba mu cyiciro cyo hejuru ugereranyije n'isanzwe iboneka kuri buri bupimiro;** aho uburengerazuba ariho hateganijwe imvura nyinshi kurusha ahandi mu gihugu

I. Iriburiro

Muri 11-20_Werurwe_2018; tubonako ku bupimiro bwa Musanze na Rusizi ariho honyine habonetse imvura nke ugereranyije n'ahandi; ndetse ikaba yaranabaye nke ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyo minsi kuri ubwo bupimiro bubiri gusa

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye hagati ya 11-20_Werurwe_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Werurwe_2018	11-20_Werurwe
Kigali	33.3	32.9
Rusizi (Kamembe)	3.2	45.5
Rubavu (Gisenyi)	71.5	36.5
Nyamagabe (Gikongoro)	103.6	35.2
Ngoma (Kibungo)	52.7	35.9
Gicumbi (Byumba)	83.8	39.2
Bugarama	72.1	30.8
Musanze (Ruhengeri)	24.4	35.6
Gitega	113.5	24.8
Rubengera	79.9	22.6
Byimana	83.5	27.2
Kawangire	35.7	36.2
Nyagatare	37.8	12.3

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 11-20_Werurwe_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 01-10_Werurwe_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Werurwe_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Werurwe



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Werurwe_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Werurwe



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 11-20_Werurwe_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 11-20_Werurwe; cyagaragaje ko imvura yabaye nke gusa ku bupimiro bwa Musanze na Rusizi ariho honyine ugereranyije n'ahandi; ndetse ikaba yaranabaye nke ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyo minsi kuri ubwo bupimiro (reba **Ikarita1&2**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Werurwe; cyagaragaje ko imvura yabaye nyinshi hose mu gihugu (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Werurwe.2018.igice cya mbere

Ikarita6: Werurwe.2018.igice cya kabiri

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku bubobere bw'ubutaka mu gice cya mbere ndetse n'icya kabiri bya Werurwe_2018; dusanga ububobere bw'ubutaka bwariyongereye bitewe n'ubwiganze bw'iminsi y'imvura mu gice cya kabiri (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Werurwe_2018

Mu gice cya gatatu cya Werurwe_2018; hateganijwe imvura izakomeza ku kigero kimwe n'iyabonetse mu gice cya 2 cya Werurwe_2018; aho uburengerazuba ariho hateganijwe kugira imvura nyinshi ugereranyije n'ahandi mu gihugu

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Werurwe_2018



Ikarita7: Werurwe.2018 igice cya gatatu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)